Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. BNR: Amabwiriza / Regulations / Règlements

N° 08/2017 yo ku wa 19/05/2017
Amabwiriza rusange yerekeye ibihano mu mafaranga n'ibyo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ubwiteganyirize bwa pansiyo n'abatanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo…….....3
N° 08/2017 of 19/05/2017
Regulation on pecuniary and administrative sanctions applicable to pension schemes and pension scheme service providers……...3
N° 08/2017 du 19/05/2017
Règlement relatif aux sanctions pécuniaires et administratives imposables aux régimes de pension et aux prestataires de services des régimes de pension……3

Nº 09/2017 yo kuwa 19/05/2017
Amabwiriza rusange agena inyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi ajyanye na konti….22
Nº 09/2017 of 19/05/2017
Regulation determining key facts statements and disclosure for accounts…….22
Nº 09/2017 du 19/05/2017
Règlement relatif à la déclaration des informations clés relatives aux comptes……...22

Nº 10/2017 yo kuwa 19/05/2017
Amabwiriza rusange agena inyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi ku bwishingizi n'itangazwa ry'amakuru kuri serivisi z'ubwishingizi……...81
Nº 10/2017 of 19/05/2017
Regulation determining key facts statement and information disclosure for insurance products……..81
Nº 10/2017 du 19/05/2017
Règlement déterminant la déclaration des informations clés et la divulgation d'informations sur les produits d'assurance……81

B. Guhindura amazina

- GASANA François kuva ubu yiswe DUSABE Franky……..133
- BERABOSE Gaspard kuva ubu yiswe TWAGIRAMUNGU Gervais……133
- *Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rwa* MUKA UMUTANGWA Aimérance *rusaba guhindura amazina* ……....133

C. Imiryango / Organizations / Organisations

- ITORERO RY'ABABATISITA B'UMUNSI WA 7 MU RWANDA (IAU7R)…...136
- RWANDA PURPOSE DRIVEN MINISTRIES / *P. E. A. C. E PLAN* …….138

AMABWIRIZA RUSANGE N° 08/2017 YO KUWA 19/05/2017 YEREKEYE IBIHANO MU MAFARANGA N'IBYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO N'ABATANGA SERIVISI Z'UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO

REGULATION N° 08/2017 OF 19/05/2017 ON PECUNIARY AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO PENSION SCHEMES AND PENSION SCHEME SERVICE PROVIDERS

REGLEMENT N° 08/2017 DU 19/05/2017 RELATIF AUX SANCTIONS PECUNIAIRES ET ADMINISTRATIVES IMPOSABLES AUX REGIMES DE PENSION ET AUX PRESTATAIRES DE SERVICES DES REGIMES DE PENSION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3:Abagengwa n'aya mabwiriza rusange

UMUTWE WA II: IGENAMIGAMBI RY'IBIHANO N'IYISHYUZA RY'AMAFARANGA AKOMOKA KU BIHANO

Ingingo ya 4: Igenwa ry'ibihano by'amafaranga n'iby'ubutegetsi

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article one: Purpose

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Scope

CHAPTER II: DETERMINATION, IMPOSITION OF SANCTIONS AND RECOVERY OF SUMS RELATED TO THE PENALTIES IMPOSED

Article 4: Determination of pecuniary and administrative sanctions

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application

CHAPITRE II: DETERMINATION, IMPOSITION DES SANCTIONS ET RECOUVREMENT DES SOMMES RELATIVES AUX SANCTIONS IMPOSEES

Article 4: Fixation des sanctions pécuniaires et administratives

Ingingo ya 5: Gutangira icyarimwe ibihano mu mafaranga n'ibyo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 5: Combination of both pecuniary and administrative sanctions**	**Article 5 : Cumul des sanctions de nature pécuniaire et administrative**
Ingingo ya 6: Kwishyuza amafaranga afitanye isano n'ibihano byatanzwe	**Article 6: Recovery of the sums related to the penalties imposed**	**Article 6 : Recouvrement des sommes liées aux sanctions infligées**
Ingingo ya 7: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 7: Transitional period**	**Article 7: Période transitoire**
Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza	**Article 8: Repealing provision**	**Article 8: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 9: Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa	**Article 9: Commencement**	**Article 9: Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA RUSANGE N° 08/05/2017 YO KUWA 19/05/2017 YEREKEYE IBIHANO MU MAFARANGA N'IBYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO N'ABATANGA SERIVISI Z'UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO

REGULATION N° 08/2017 OF 19/05/2017 ON PECUNIARY AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO PENSION SCHEMES AND PENSION SCHEME SERVICE PROVIDERS

REGLEMENT N° 08/2017 DU 19/05/2017 RELATIF AUX SANCTIONS PECUNIAIRES ET ADMINISTRATIVES IMPOSABLES AUX REGIMES DE PENSION ET AUX PRESTATAIRES DE SERVICES DES REGIMES DE PENSION

Ishingiye ku Itegeko N° 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 53, iya 56, iya 57 n'iya 58;

Pursuant to the Law Nº 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 6, 53, 56, 57 and 58;

Vu la Loi Nº 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 53, 56, 57 et 58 ;

Ishingiye ku Itegeko Nº 05/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 88;

Pursuant to the Law Nº 05/2015 of 30/03/2015 Governing the Organization of Pension Schemes, especially in Article 88;

Vu la Loi Nº 05/2015 du 30/03/2015 régissant l'organisation des régimes de pension, spécialement en son article 88 ;

Imaze kubona ko ari ngombwa guteza imbere imikorere myiza, umutekano n'imiyoborere myiza by'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ibigo cyangwa abantu batanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo, no kurengera inyungu z'abanyamuryango b'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'abantu bafite uburenganzira kuri pansiyo mu gihugu;

Considering the need to promote the stability, security and good governance of pension schemes and service providers, and to protect the interests of pension scheme members and beneficiaries in the country;

Considérant la nécessité de promouvoir la stabilité, la sécurité et la bonne gouvernance des régimes de pension et des prestataires de services, de protéger les intérêts des membres de régime de pension et des bénéficiaires dans le pays;

Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa «Banki Nkuru» muri aya Mabwiriza, itanze amabwiriza akurikira :

The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as "Central Bank", decrees:

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « Banque Centrale », édicte:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'amafaranga n'ibyo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ibigo cyangwa abantu batanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo banyuranya n'itegeko, amabwiriza rusange cyangwa andi mabwiriza n'ibyemezo bya Banki Nkuru.

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya Mabwiriza Rusange, amagambo akurikira asobanura:

1° Kutubahiriza ibisabwa n'amategeko: kunyuranya n'Itegeko, amabwiriza rusange, amabwiriza cyangwa ibyemezo bya Banki Nkuru;

3° itegeko: Itegeko rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article one: Purpose

The purpose of this regulation is to set up pecuniary and administrative penalties for pension schemes and pension scheme service providers that violate the law or regulations, or any of the directives, instructions and decisions of the Central Bank.

Article 2: Definitions of terms

In this Regulation, the following words and expressions shall mean:

1° violations: any breach of the Law, regulations, directives or decisions of the Central Bank;

3° law: The Law Governing the Organization of Pension Schemes;

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet

Le présent règlement a pour objet de mettre en place des sanctions pécuniaires et administratives pour les régimes de pension et les prestataires de services de pension qui violent la loi ou les règlements, les directives, les instructions et les décisions de la Banque Centrale.

Article 2 : Définitions des termes

Dans le présent Règlement, les termes et les expressions suivants signifient :

1° violation: toute action ou omission contraire à la Loi , des règlements, instructions ou décisions de la Banque Centrale;

3° loi : la Loi régissant l'organisation des régimes de pension ;

4° amabwiriza agenga iyemererwa: Amabwiriza rusange yerekeye iyandikwa ry'ubwiteganyirize bwa pansiyo bw'ubushake n'iyemererwa ry'abatanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo;	**4° licensing regulation**: regulation on the registration of voluntary pension schemes and licensing of pension scheme service providers;	**4° règlement sur les licences** : règlement relatif à l'enregistrement des régimes de pension volontaire et à l'agrément des prestataires de services de régimes de pension ;
5° amabwiriza y'imikorere: amabwiriza rusange agena ibisabwa ku mikorere n'ibindi bisabwa mu bwiteganyirize bwa pansiyo;	**5° operational regulations:** regulation establishing operational and other requirements for pension schemes;	**5° règlement opérationnel** : règlement sur les exigences opérationnelles et autres exigences pour les régimes de pension ;
6° amabwiriza rusange: amabwiriza agenga iyemererwa n'amabwiriza agenga imikorere;	**6° regulations**: the licensing regulation and operational regulation;	**6° règlements** : règlement sur les licences et le règlement opérationnel ;
7° amabwiriza: imirongo ngenderwaho, ibisabwa gukorwa cyangwa kudakorwa ku mpamvu runaka bishyirwaho na Banki Nkuru kandi bikohererezwa ibigo by'ubwiteganyirize bwa pansiyo, abantu batanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ibindi bigo bireba;	**7° directives**: guidelines, orders and prohibitions issued by the Central Bank and sent to the pension schemes, pension service providers and other concerned institutions for specified purposes;	**7° directives**: lignes directrices, ordres et interdictions émis par la Banque Centrale et envoyés aux régimes de pension, aux prestataires de services de pension et aux autres institutions concernées à des fins précises;
9° ibyemezo: imyanzuro yemejwe na Banki Nkuru ku bireba ubwiteganyirize bwa pansiyo, abantu batanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ibindi bigo bireba kugira ngo ishyirwe mu bikorwa;	**9° decisions**: resolutions approved by the Central Bank for pension schemes, pension scheme service providers and other concerned institutions for implementation;	**9° décisions** : les résolutions approuvées par la Banque Centrale pour les régimes de pension, les prestataires de services de pension et les autres institutions concernées pour la mise en œuvre ;
10° ubwiteganyirize bwa pansiyo: uburyo bwashyiriweho kwakira imisanzu hagamijwe kugoboka abiteganyirije mu zabukuru hakurikijwe amategeko abigenga;	**10° pension scheme**: a system established to collect contributions to meet the needs of those having made retirement savings under relevant laws.	**10° régime de pension:** système conçu pour la collecte des cotisations en vue de subvenir aux besoins de ceux qui se sont constitués une épargne retraite conformément aux lois en la matière.

11° utanga serivisi: ushinzwe ishoramari, umubitsi, umuyobozi n'intumwa ;

12° urwego ruyobora: inama y'ubuyobozi y'ubwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe, inama y'intumwa y'ubwiteganyirize bwa pansiyo bw'inyongera bushingiye ku kazi n'inama y'ubutegetsi y'ibigo by'imari byiyandikishirije gushyiraho ubwiteganyirize bw'umuntu ku giti cye.

11° service provider: an investment manager, custodian, administrator and trustee;

12° governing body: the board of directors of the Mandatory Pension Scheme, the board of trustees of a Complementary Occupational Pension Scheme and the board of directors of financial institutions registered to establish personal pension scheme.

11° prestataire de service: un gestionnaire d'investissement, un dépositaire, un administrateur et un mandataire;

12° organe directeur: le conseil d'administration du Régime de Pension Obligatoire, le conseil d'administration d'un Régime Complémentaire de Pension Professionnelle et le conseil d'administration des institutions financières enregistrées pour mettre en place un régime de pension personnelle.

Ingingo ya 3:Abagengwa n'aya mabwiriza rusange

Aya mabwiriza rusange areba ubwiteganyirize bwa pansiyo ndetse n'ibigo cyangwa abantu batanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo.

Article 3: Scope

This regulation shall be imposed to pension schemes and pension scheme service providers.

Article 3: Champ d'application

Les sanctions prévues par le présent règlement sont imposées aux régimes de pension et aux prestataires de services du régime de pension.

UMUTWE WA II : IGENWA, ITANGWA RY'IBIHANO N'IYISHYUZA RY'AMAFARANGA AKOMOKA KU BIHANO

CHAPTER II: DETERMINATION, IMPOSITION OF SANCTIONS AND RECOVERY OF SUMS RELATED TO THE PENALTIES IMPOSED

CHAPITRE II : DETERMINATION, IMPOSITION DES SANCTIONS ET RECOUVREMENT DES SOMMES RELATIVES AUX SANCTIONS IMPOSEES

Ingingo ya 4: Igenwa ry'ibihano mu mafaranga n'ibyo mu rwego rw'ubutegetsi

Bitabangamiye ibindi bihano bivugwa mu Itegeko Nº 05/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize

Article 4: Determination of pecuniary and administrative sanctions

Without prejudice to other sanctions set forth in the Law Nº 05/2015 of 30/03/2015 governing the Organization of Pension Scheme

Article 4: Fixation des sanctions pécuniaires et administratives

Sans préjudice des autres sanctions prévues par la Loi N° 05/2015 du 30/03/2015 régissant l'organisation du régime de pension, en

bwa pansiyo, by'umwihariko ingingo yaryo ya 88, Banki Nkuru ishyizeho ibihano bihabwa ubwiteganyirize bwa pansiyo n'abatanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo banyuranyije n'itegeko cyangwa amabwiriza rusange cyangwa andi mabwiriza n'ibyemezo bya Banki Nkuru.

particularly in its article 88, the Central Bank hereby determines sanctions applicable to pension schemes and pension scheme service providers that violate the law or regulations, or any of the directives and decisions of the Central Bank.

particulier en son article 88, la Banque Centrale détermine les sanctions applicables aux régimes de pension et aux prestataires de services du régime de pension qui violent la loi ou les règlements, les instructions et les décisions de la Banque Centrale.

Igihano cya buri kosa gitangwa hagendewe ku miterere n'uburemere bw'ikosa, hakurikijwe urutonde ruteganyijwe mu Mugereka wa I, II na III.

The application of penalty for each violation shall depend on the nature and severity of violation, in accordance with the scale set out in Appendix I, II and III

L'application de sanction pour chaque violation dépend de la nature et de la gravité de la violation, selon une échelle prévue à l'Annexe I, II et III.

Ingingo ya 5: Gutangira icyarimwe ibihano byo mu rwego rw'amafaranga n'ibyo mu rwego rw'ubutegetsi

Article 5: Combination of both pecuniary and administrative sanctions

Article 5 : Cumul des sanctions de nature pécuniaires et administratives

Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gutangira icyarimwe igihano cyo mu rwego rw'amafaranga n'icyo mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano bitewe n'uburyo ikosa riteganywa muri aya Mabwiriza ryakozwe.

The regulator may impose one or both of pecuniary and administrative sanctions in accordance with the circumstances surrounding any violation provided for in this Regulation.

Le régulateur peut imposer l'une ou deux des sanctions pécuniaires ou administratives selon les circonstances entourant la violation prévue par le présent règlement.

Ingingo ya 6: Kwishyuza amafaranga afitanye isano n'ibihano byatanzwe

Article 6: Recovery of the sums related to the penalties imposed

Article 6 : Recouvrement des sommes liées aux sanctions infligées

Amafaranga afitanye isano n'ibihano byatanzwe nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 3 n'iya 4, yishyurwa kuri konti ya Banki Nkuru mu gihe cy'iminsi 10 uhanwe akimara kwakira ibaruwa ibimumenyesha.

The sums related to the penalties imposed in accordance with article 4 and 5 shall be paid on the Central Bank account within 10 calendar days after receiving the notification letter.

Les sommes relatives aux sanctions infligées conformément aux articles 4 and 5 sont versées sur le compte de la Banque Centrale endéans 10 jours immédiatement après réception de la lettre de notification.

Mu gihe ubwiteganyirize bwa pension cyangwa utanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo usabwa kwishyura atabikoze mu gihe cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, azasabwa kwishyura hifashishijwe ingufu za Leta.

In case the responsible pension scheme or pension scheme service provider fails to pay within the period specified in paragraph one (1) of this article, the payment shall be done, through a forced recovery.

Dans le cas où le régime de pension responsable ou le prestataire de services du régime de pension ne parvient pas à payer dans le délai spécifié au premier (1) paragraphe de cet article, le paiement doit être effectué grâce à un recouvrement forcé.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 7: Igihe cy'inzibacyuho

Ubwiteganyirize bwa pansiyo busanzwe bukora cyangwa abatanga serivisi z'ubwiteganyirize basanzwe bakora bahawe igihe kingana n'umwaka umwe (1) kugira ngo bukurikize ibikubiye muri aya mabwiriza nyuma y'itangazwa ry'ayo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 7: Transitional Period

The existing pension schemes and pension scheme service providers shall be required to comply with the provisions of this regulation not later than one (1) year after the date of publication of this regulation in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 7: Période transitoire

Les régimes de pension ou prestataires de services du régime de pension existants sont tenus de se conformer aux dispositions du présent règlement dans un délai ne dépassant pas un (1) an à partir de la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza

Ingingo zose zibanziriza aya Mabwiriza zinyuranye na yo zivanyweho.

Article 8: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Regulation are hereby repealed.

Article 8: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.

<u>Ingingo ya 9 :</u> Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya Mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 19/05/2017

(sé)

RWANGOMBWA John
Guverineri

<u>Article 9</u>: Commencement

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done in Kigali on 19/052017

(sé)

RWANGOMBWA John
Governor

<u>Article 9</u>: Entrée en vigueur

Le présent Règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Fait à Kigali le 19/05/2017

(sé)

RWANGOMBWA John
Gouverneur

IMIGEREKA /APPENDICES /ANNEXES

UMUGEREKA WA I

AMAKOSA N' IBIHANO BITEGANYIJWE MU ITEGEKO N° 05/2015 RYO KUWA 30/03/2015 RIGENGA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO

Gukora kimwe muri ibi bikorwa ni ikosa kandi bihanishwa 0.5% y'amafaranga y'u Rwanda y'imisanzu yose adashobora kujya munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa ngo arenge miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW) z'amafaranga y'u Rwanda

1° gutanga serivisi y'ubwiteganyirize bwa pansiyo utabifitiye uruhushya;

2° gukora ibikorwa by'ubwiteganyirize bwa pansiyo butanditswe;

Gukora kimwe muri ibi bikorwa ni ikosa kandi bihanishwa amafaranga y'u Rwanda miliyoni enye (4.000.000FRW) kuri buri gikorwa:

1° gushyiraho utanga serivisi y'ubwiteganyirize bwa pansiyo atabifitiye uruhushya;

APPENDIX I

VIOLATIONS AND PENALTIES STIPULATED IN THE LAW N° 05/2015 OF 30/03/2015 GOVERNING THE ORGANIZATION OF PENSION SCHEMES

The performance of any of the following acts constitutes a violation and shall be sanctioned by 0.5% of the total contributions, the minimum of which is one million Rwandan francs (1,000,000FRW) and the maximum of fifty thousand million (50,000,000 FRW) Rwandan francs

1º providing services of the pension scheme without a related license;

2º operating a pension scheme not registered;

Performance of one of the following acts is a violation and is punished with four million Rwandan francs (4,000,000FRW) each:

1º appointing an unlicensed pension scheme service provider;

ANNEXE I

VIOLATIONS ET SANCTIONS PREVUES DANS LA LOI N° 05/2015 DU 30/03/2015 REGISSANT L'ORGANISATION DES REGIMES DE PENSION

L'exécution de l'un des actes ci-après constitue une violation et est sanctionnée de 0,5% du total des contributions dont le minimum est d'un million de franc rwandais (1.000.000FRW) et le maximum de cinquante million de franc rwandais (50.000.000FRW)

1° s'engager dans des services de régime de pension sans licence y relative;

2° s'engager dans des activités de régime de pension non enregistré ;

L'exécution de l'un des actes ci-après constitue une violation et est punie de quatre million de franc rwandais (4.000.000FRW) chacun :

1° nommer un prestataire de services de régime de pension non-agréé ;

2° gutanga serivisi y'ubwiteganyirize bwa pansiyo ku bwiteganyirize bwa pansiyo butanditswe;	2º providing any pension scheme services to unregistered pension scheme;	2° fournir tout service lié au régime de pension au régime de pension non enregistré;
Gukora kimwe muri ibi bikorwa ni ikosa kandi bihanishwa amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000FRW):	Performance of one of the following acts is a violation and engages the liability of one million Rwandan francs (1,000,000FRW):	L'exécution de l'un des actes suivants est une violation et engage la responsabilité d'un million de francs rwandais (1, 000,000FRW) :
1° guhisha abagenzuzi cyangwa abahanga mu mibare y'ubwiteganyirize bigenga inyandiko zose za ngombwa kugira ngo batunganye inshingano zabo;	1º hiding to independent auditors or actuaries all necessary documents for the accomplishment of their mission;	1° ne pas révéler aux auditeurs ou actuaires indépendants tous les documents nécessaires à la réalisation de leur mission ;
2° kubangamira ibikorwa by'ubugenzuzi bw'Ikigo gishyiraho amabwiriza.	2º hindering activities of inspection of the Regulator	2° entraver le régulateur d'exercer ses activités d'inspection.
3° gukora iyamamaza ribeshya cyangwa riyobya mu mirimo y'ubwiteganyirize bwa pansiyo;	3º making a false or misleading advertisement in pension scheme activities;	3° faire une publicité fausse ou trompeuse dans des activités de régime de pension ;
Uretse ibihano mu mafaranga bivugwa haruguru, Banki Nkuru ibuza gukomeza gukora ibikorwa binyuranije n'amategeko cyangwa amabwiriza.	In addition to the above pecuniary sanctions, the Central Bank shall prohibit the continuation of such illegal activities.	En plus des sanctions pécuniaires ci-dessus, la Banque Centrale interdit la poursuite de ces activités illégales.

UMUGEREKA II AMAKOSA N'BIHANO MUMAFARANGA	APPENDIX II VIOLATIONS AND SANCTIONS OF PECUNIARY NATURE	ANNEX II VIOLATIONS ET SANCTIONS DE NATURE PECUNIARES
Kudashyiraho ibi bikurikira ni ikosa kandi bihanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000FRW):	Failure to develop the following is a violation and shall be punished with five hundred thousand Rwandan francs (500,000FRW):	Le défaut de développer ce qui suit constitue une violation et est puni de cinq cent mille de francs rwandais (500.000FRW) :
1° politiki y'uburyo ubwiteganyirize bwa pansiyo buzabona imari mu gihe bicyenewe;	1° a statement of funding policy by the pension scheme where applicable;	1° politique de financement pour un régime de pension en cas de besoin ;
2° politiki y'ishoramari ihari ariko ntiyubahirizwe;	2° investment policy and not to respect it;	2° une politique d'investissement et ne pas le respecter ;
Kudakora kimwe muri ibi bikorwa ni ikosa kandi bihanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi maganabiri (200.000FRW) :	Failure to perform each of the following is a violation and shall be punished with two hundred thousand Rwandan francs (200,000FRW):	Le défaut de de faire ce qui suit constitue une violation et est puni de deux cent mille de francs rwandais (200.000FRW) :
1° Gutangaza ishusho y'uko imari ihagaze na raporo z'umwaka ku rubuga rwa interineti rw'ubwiteganyirize bwa pansiyo cyangwa mu kinyamakuru gisomwa na benshi;	1° to publish financial statements and annual reports on the website of the pension scheme or newspaper of wide circulation.	1° publier les états financiers et les rapports annuels sur le site internet du régime de pension ou dans le journal de grande diffusion ;
2° Guha buri mwaka amakuru akenewe na buri wese mu bari mu bwiteganyirize cyangwa abafite uburenganzira mu bwiteganyirize bwa pansiyo.	2° to disclose required information to individual members and beneficiaries of the pension scheme on annual basis.	2° fournir les informations requises aux membres individuels et aux bénéficiaires du régime de pension pour chaque année.

3° kubika ibitabo by'imisanzu yose yakiriwe, iby'ishoramari ryakozwe, iby'amafaranga yasohotse n'ayinjiye y'abanyamuryango b'ubwiteganyirize bwa pansiyo bikozwe n'Umuyobozi, Ushinzwe ishoramari cyangwa Umubitsi;	3° to maintain records of all contributions, investments, expenses and benefits of members of the pension scheme by an administrator, investment manager and custodians;	3° tenir les livres de toutes les cotisations, les investissements, les dépenses et les allocations des membres du régime de pension par administrateur, un gestionnaire d'investissement ou un dépositaire;
4°Guhererekanya imisanzu, amafaranga y'ubwiteganyirize, umusaruro ukomoka ku ishoramari hagati y'ibigega by'ubwiteganyirize bwa pansiyo nk'uko bisabwa n'itegeko n'amabwiriza rusange;	4° to transfer contributions, benefits or investment returns between pension funds as required by law and regulations if so claimed by member;	4° transférer les cotisations, les prestations ou les résultats des investissements entre les fonds de pension conformément à la loi et aux règlements ;
Ibikorwa bikurikira ni amakosa kandi buri kimwe gihanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000FRW) :	The following acts are violations and shall be punished with one hundred thousand Rwandan franc (100,000FRW) per each violation:	Les actes suivants sont des violations et chacun est puni de cent mille de francs rwandais (100.000 FRW):
1° kudashyiraho umugenzuzi uturutse hanze cyangwa umuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize nk'uko bisabwa n'Itegeko n'amabwiriza rusange ;	1° Failure to appoint an external auditor or an actuary as required by the law and regulations;	1° ne pas nommer un auditeur externe ou un actuaire conformément à la loi et aux règlements ;
2° Kunanirwa k'ubwiteganyirize bwa pansiyo gushyiraho Umuyobozi, Ushinzwe ishoramari cyangwa Umubitsi nk'uko biteganyijwe mu itegeko n'amabwiriza rusange.	2° failure of the pension scheme to appoint an administrator, Investment Manager or Custodian as stipulated in the law and regulations.	2° Manquement du régime de pension à nommer un Administrateur, un Gestionnaire d'Investissement ou un Dépositaire conformément à la loi et aux règlements.
Kutubahiriza ibihe byagenwe kugira ngo kimwe muri ibi bikorwa bikurikira bibe byakozwe ni ikosa kandi bihanishwa	Non-respect of the time limit as set for one of the following acts is a violation and shall be punished by ten thousand Rwandan francs	Le non-respect du délai fixé pour l'un des actes ci-après est une violation et est puni de dix mille de francs rwandais (10,000FRW) pour

amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000FRW) buri munsi w'akazi ibarwa uhereye igihe byagombye kuba byarakorewe:

(10,000FRW) for each working day of delay counted from the day when the report was supposed to be submitted:

chaque jour ouvrable de retard compté à partir du jour où le rapport était censé être remis :

1° Kudashyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza imyanzuro y'Inama y'ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma y'uko iteranye;

1° Failure to submit resolutions of the board of trustees/directors to the Regulator within a period not exceeding thirty (30) days after such meeting;

1° Ne pas présenter les résolutions de conseil d'administration au Régulateur dans un délai n'excédant pas trente (30) jours après cette réunion ;

2°kudashyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza raporo y'umwaka n'amakuru y'uko ubwiteganyirize bwa pansiyo buhagaze mu mezi atarenze ane (4) abarwa uhereye igihe umwaka w'ibaruramari urangirira;

2° Failure to provide to the regulator, annual report and financial statements within four (4) months after the end of financial year;

2° Ne pas présenter au régulateur, le rapport annuel et les états financiers dans un délai de quatre (4) mois à compter de la fin de l'exercice comptable ;

3° Kudashyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza ibyavuye mu igenzura ryakozwe n'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi nibura rimwe mu myaka itanu (5) nk'uko biteganywa n'amategeko ndetse n'amabwiriza;

3° failure to submit an actuarial valuation to the Regulator at least once within every five (5) years as required by the law and regulations;

3° ne pas présenter une évaluation actuarielle au Régulateur au moins une fois par tous les cinq (5) ans, conformément à la loi et aux règlements ;

4° Kunanirwa k'ubwiteganyirize bwa pansiyo gutanga umusaruro w'imisanzu yakiriwe buri gihembwe mu minsi 15 nyuma y'igihembwe ;

4° Failure by the pension scheme to submit quarterly returns within 15 days after the end of the quarter;

4° non-respect par le régime de pension de présenter des déclarations trimestrielles dans les 15 jours suivant la fin du trimestre ;

5° Kutamenyesha mu nyandiko Ikigo gishyiraho amabwiriza, iseswa ry'amasezerano cyangwa ukwegura k'umugenzuzi uturutse hanze cyangwa k'umuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize mu minsi 15 uhereye itariki y'iseswa ry'amasezerano cyangwa y'ukwegura;

5° Failure to notify to the Regulator in writing, the termination of the contract or resignation of a service provider, external auditor or actuary within fifteen (15) days from the date of such termination or resignation;

5° Ne pas notifier par écrit le Régulateur de la résiliation du contrat ou la démission de l'auditeur externe ou de l'actuaire dans les quinze (15) jours suivant la date de la résiliation ou de la démission ;

6° Kutamenyesha Ikigo gishyiraho amabwiriza impinduka zakozwe muri politiki y'ishoramari mu minsi itarenze 15 ibarwa uhereye ku itariki iyo mpinduka yemerejwe n'Urwego rw'Ubuyobozi;	6° Failure to notify the Regulator of changes in the investment policy within fifteen (15) days from the approval of such modification by the Governing Body;	6° Ne pas informer le Régulateur des modifications apportées à la politique d'investissement dans les quinze (15) jours suivant l'approbation de cette modification par le Conseil d'Administration ;
7° Kudatanga buri gihembwe raporo ku migendekere y'ishoramari bikozwe n'Ushinzwe ishoramari nyuma y'iminsi 15 ;	7° Failure of an investment manager to provide investment performance reports on quarterly basis within 15 calendar days after the end of the quarter;	7° Le défaut d'un gestionnaire d'investissement de fournir des rapports trimestriels sur le rendement d'investissement dans les 15 jours civils suivant la fin du trimestre ;
8° Kutishyura amafaranga y'igenzura rikorwa buri mwaka mu mezi atarenze ane (4) abarwa uhereye igihe umwaka w'ibaruramari urangirira;	8° Failure to pay annual supervision fees within four (4) months from the end of the financial year;	8° Non-paiement des frais de surveillance annuelle dans les quatre (4) mois suivant la fin de l'exercice de l'année financière ;
Ukundi kutubahiriza uko ariko kwose kw'itegeko ryerekeye ubwiteganyirize bwa pansiyo, andi mabwiriza rusange, amabwiriza, cyangwa ibyemezo bya Banki Nkuru bihanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000FRW).	Any other related violation of a provision of the pension law and its implementing regulations, directives and decisions of the Central Bank shall be punished by fifty thousand Rwandan francs (50,000FRW).	Toute autre violation connexe d'une disposition de la loi régissant le régime de pension ou de ses règlements d'application instructions et décisions de la Banque Centrale est punie de cinquante mille de francs rwandais (50.000FRW).

UMUGEREKA WA III

IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ubwiteganyirize bwa pansiyo cyangwa abatanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo bakora ibikorwa byiyezandonke cyangwa batera inkunga iterabwoba cyangwa bahabwa uruhushya rubemerera bakoresheje imvugo zibeshya cyangwa uburiganya bahanishwa:

1 ° kwamburwa uruhushya
2° cyangwa ikindi gihano Banki Nkuru ibona ko gikwiye.

Umuntu utanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo ufite uruhare mu micungire y'ubwiteganyirize bwa pansiyo ukora cyangwa ufasha mu gukora itangazo ku mpamvu ifatika ribeshya, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko, cyangwa udatangaza impamvu ifatika igomba guhishurirwa Banki Nkuru cyangwa ya ngombwa mu kwirinda amakuru cyangwa inyandiko biyobya ahanishwa:

1° Kwihanangirizwa mu nyandiko;

APPENDIX III

SANCTIONS OF ADMINISTRATIVE NATURE

Any pension scheme or pension scheme service provider involved in money laundering and financing terrorism activities or obtaining the license through incorrect statements or fraudulent means shall be punished by:

1 ° revocation of license
2 ° or any other sanction that Central Bank may deem appropriate.

Pension scheme service provider involved in management of the pension scheme and who makes or assists in making, whether orally or in writing, false statement of a material fact or omits to state a material fact required to be disclosed to the Central Bank or necessary to avoid the statement or document being materially misleading, shall commit a violation and shall be subject to the following sanctions:

1° written warning;

ANNEX III

SANCTIONS DE NATURE ADMINISTRATIVE

Tout régime de pension ou prestataire de services des régimes de pension impliqué dans le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme, ou obtenant la licence par des fausses déclarations ou frauduleuses est sanctionné par :

1 ° révocation de licence
2 ° ou toute autre sanction que la Banque Centrale peut juger appropriée.

Le prestataire de services de régimes de pension impliqué dans la gestion du régime de pension et qui fait ou aide à faire, oralement ou par écrit, fausse déclaration d'un fait important ou omet de déclarer un fait important devant être communiqué à la Banque Centrale ou nécessaire pour éviter la déclaration ou le document étant matériellement trompeuse, commet une violation et est passible des sanctions suivantes :

1 °avertissement par écrit ;

2°ivanwaho ry'icyemezo cy'iyandikwa; 3°n'kindi gihano cyo mu rwego rw'imyitwarire Banki Nkuru ibona gikwiriye.	2º cancellation of license 3° and any other disciplinary measure that the Central Bank may deem appropriate.	2 ° annulation de la licence 3° et toute autre mesure disciplinaire que la Banque Centrale juge appropriée.
Uwo ariwe wese uri mu nama y'ubutegetsi, abayobozi bakuru b'ikigo cyemerewe gutanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo batubahiriza ibisabwa byerekeye ubunyangamugayo ku buryo buhoraho bahanishwa ibihano bikurikira :	Any of the Board of trustees or senior managers for a licensed pension scheme who fails to meet fit and proper requirements on an on-going basis shall be subject to the following sanctions:	Les membres du conseil d'administration ou les cadres dirigeants d'un établissement titulaire d'une licence pour offrir des services de régimes de pension qui ne satisfont pas en permanence à des exigences d'intégrité sont soumis aux sanctions suivantes:
1° kwihanangirizwa mu nyandiko; 2°ivanwaho ry'icyemezo cy'iyemererwa; 3° n'ikindi gihano cyo mu rwego rw'imyitwarire Banki Nkuru ibona gikwiriye.	1° written warning ; 2° cancellation of license 3° and any other disciplinary measure that the Central Bank may deem appropriate.	1 °avertissement par écrit; 2° annulation de la licence ou certificat d'enregistrement 3° et toute autre mesure disciplinaire que la Banque Centrale jugera appropriée.
Uwo ariwe wese uri mu nama y'ubutegetsi cyangwa abayobozi bakuru b'ikigo cyemerewe gutanga serivisi z'ubwiteganyirize bwa pansiyo batubahiriza ibisabwa mu buryo buhoraho bahanishwa ibihano bikurikira :	Any of the Board of directors or senior managers of an institution licensed to offer pension scheme services who fails to meet fit and proper requirements on an on-going basis shall be subject to the following sanctions:	Les membres du conseil d'administration ou les cadres dirigeants d'un établissement titulaire d'une licence pour offrir des services de régimes de pension qui ne satisfont pas en permanence à des exigences adéquates sont soumis aux sanctions suivantes :
1° kwihanangirizwa mu nyandiko;	1° written warning;	1 °avertissement par écrit ;
2°n'ikindi gihano cyo mu rwego rw'imyitwarire Banki Nkuru ibona gikwiriye.	2° and any other disciplinary measure that the Central Bank may deem appropriate.	2° et toute autre mesure disciplinaire que la Banque Centrale jugera appropriée.
Intumwa cyangwa abayobozi bakuru badakora inama mu buryo buhoraho buteganywa	The Board of trustees /Directors who fail to conduct regular meetings as determined by the	Le conseil des mandataires ou les cadres dirigeants qui n'entretiennent pas

n’amabwiriza agenga ubwiteganyirize bwa pansiyo cyangwa n’amabwiriza ngengamikorere y’imbere mu kigo cy’ubwiteganyirize bwa pansiyo bahanishwa ibihano bikurikira :	scheme rules or internal procedures, shall be subject to the following sanctions:	régulièrement des réunions conformément aux règles du régime ou aux procédures internes est soumis aux sanctions suivantes:
1° kwihanangirizwa mu nyandiko; 2° ivanwaho ry’icyemezo cy’iyemererwa (ku ntumwa) ; 3° n’ibindi bihano byo mu rwego rw’imyitwarire Banki Nkuru ishobora kubona bikwiriye.	1° written warning; 2° cancellation of license (for trustees); 3° and any other disciplinary sanction that the Central Bank may deem appropriate.	1° avertissement par écrit ; 2° annulation de la licence (pour les mandataires); 3° et toute autres sanction disciplinaire que la Banque Centrale peut juger appropriée.